Republic
of Rwanda

NISR
NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA



Raporo
y'Ukwezi

# RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

Ukwakira 2025

© 2025Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, (NISR)
Photo de couverture : Igihe.com / 2018

Ku bindi bisobanuro, wakwadikira Ikigo cy'Igihugu cy'ibarurishamibare
B.P. 6139 Kigali, Rwanda
Site web : www.statistics.gov.rw
E-mail : info@statistics.gov.rw

## INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihinduka ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byazamutseho 6,8% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 6,7%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 7,1%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,8% muri rusange
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byagabanutseho 0,4%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byagabanutseho 1,6%

***Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda***

| | 2024 | | | 2025 | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira |
| Ihindagurika mu mwaka | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -5,6 | -0,1 | 0,2 | 0,6 | 4,3 | 4,2 | 2,4 | 6,3 | 11,9 | 13,0 | 11,0 | 13,5 | 6,8 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | -10,9 | -3,9 | -2,5 | -1,7 | 1,8 | 0,9 | 1,7 | 5,4 | 8,7 | 6,8 | 11,1 | 12,9 | 6,7 |
| Ibyoherezwa hanze | 7,5 | 8,2 | 5,9 | 5,5 | 9,7 | 10,8 | 4,2 | 8,4 | 19,4 | 26,5 | 11,3 | 14,9 | 7,1 |
| Ihindagurika ku kwezi | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 5,4 | 3,4 | -0,5 | 0,8 | -0,9 | -0,6 | -1,9 | 2,5 | 0,6 | 1,8 | -0,3 | 2,5 | -0,8 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 5,4 | 3,3 | 0,5 | 1,0 | -1,2 | -2,2 | 2,0 | 1,7 | -0,6 | -0,9 | 3,3 | 0,3 | -0,4 |
| Ibyoherezwa hanze | 5,6 | 3,7 | -2,2 | 0,5 | -0,3 | 2,4 | -8,9 | 4,4 | 3,2 | 6,5 | -6,4 | 7,0 | -1,6 |

## 1. INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Mu kwezi kw'Ukwakira 2025, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 6,8%, ugereranyije n'Ukwakira 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 6,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Ukwakira 2025 na Nzeri 2025, ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 0,8%. Ibi byatewe ahanini n'imanuka rya 1% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.



*© NISR*

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA BY'IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Mu kwezi kw'Ukwakira 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 6,7% ugereranyije n'Ukwakira 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 5,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Ukwakira 2025 na Nzeri 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa imbere mu gihugu byamanutseho 0,4%. Ibi byatewe n'imanuka rya 0,6% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 4. IBICIRO KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Mu kwezi kw'Ukwakira 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze y'igihugu byazamutseho 7,1% ugereranyije n'Ukwakira 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi byazamutseho 15,6% , izamuka rya 0,8% ku biciro byo mu ganda zitunganya amabuye y'agaciro ndetse n'izamuka rya 1% ku biciro byo mu nganda zitunganya ikawa .

Ugereranyije Ukwakira 2025 na Nzeri 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byamanutseho 1,6%. Ibi byatewe ahanini n'imanuka ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa byamanutseho 5% .

NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA